N°29 KAMENA 2006

E-mail: fondationgong@yahoo.fr **Home page:** www.rud-urunana.org
Comité de Rédaction/Inama y'Ubwanditsi :
Editeur Responsable……: *Fondation le Gong de la Conscience*
Directeur de Publication : *Christite Muhereza*
Rédacteur en chef…… : *François Xavier Ntezirizaza*
Secrétaire de Rédaction : *Pierrette Niwemugeni*

IBIRIMO…….. **urupapuro rwa :**

1. IRIBURIRO :
- Imbuto y'umugisha yera ku giti cy'umuruho..... 2
2. IMIGABO N'IMIGAMBI BYA RUD-URUNANA :
- Demokarasi yumvikanweho ivugwa na RUD-Urunana ihishiye iki Abanyarwanda?.....2
3. AMAKURU YA POLITIKI:
- Abahoze ari abakuru b'ibihugu nibavuganire abarengana mu Rwanda.....4
4. AMAKURU ANYURANYE :
- Ngo TPIR ishobora kongererwa igihe?.....5
6. URUBUGA RW'ABASOMYI:
- Jenerali Kagame yahuye n'uruva gusenya muri Canada.....7
- Kunyereza umutungo wa Leta byateye indi ntera hano iwacu.....8
- Ubuse koko Rubanda rwo hasi tuzaba abande?.....8
- Nyarutarama: Paradizo muli Kigali !.....9

IRIBURIRO

Imbuto y'umugisha yera ku giti cy'umuruho

-Ubwanditsi

U Rwanda ruri mu bihe bikomeye birangwa n'akarengane kuri rubanda rugufi, rupyinagazwa n'ubutegetsi, rwamburwa imitungo n'uburenganzira ruhabwa n'amategeko. Uyu muruho, ako gasuzuguro, nibyo bikwiye kubera buri wese umusemburo mu gikorwa rusange cyo gusubiza Umunyarwanda agaciro mu gihugu cye no mu mahanga.

Itotezwa rikomeje gukorerwa abafitanye isano n'ubuyobozi bwahozeho mbere ya 94, guhatira imfungwa kwemera ibyaha kubera inyungu za politiki ya FPR, gutoteza Abahutu no kubigizayo muri politiki y'u Rwanda; gusebya, guhiga no kwandagaza Abatutsi bashyira mu gaciro barwanya akarengane gakorerwa rubanda rugufi, ni umushinga w'ubutegetsi bwa Kigali.

Leta ya FPR ikomeje gukurikirana impunzi mu bihugu byazakiriye ifite imigambi yo kuzigirira nabi. Nyamara ariko, ibyo Kigali isabwa n'amashyirahamwe y'impunzi ndetse n'ingaga za politiki birumvikana.
Birakwiye ko Leta ya Kigali izirikana ko impamvu abayobozi bayo batangaga bakiri mu buhungiro ku mitahukire yabo, zitaruta izo impunzi zo muri iki gihe zitanga. Twibuke ko hakomeje kwifuzwa ko hashyirwaho ingamba zo kubungabunga umutekano kuri buri wese no ku baturage muri rusange, gushyiraho inzego z'ubuyobozi binyuze mu matora adafifitse, ishyirwaho ry'umutwe umwe w'Ingabo n'inzego z'umutekano byahabwa inshingano zo kurengera bose zitavanguye, iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa buri muntu n'ubwumutungo we. Hejuru ya byose ariko, mu Rwanda hagomba kuboneka ubutegetsi bugendera ku mategeko mbere y'itahuka ry'impunzi.

Abasesengura ibya politiki y'u Rwanda bamaze kubona ko urubwa n'induru Leta ikurikiza abaturage bayo mu mahanga, ari byo bituma bikomwa n'ibihugu barimo.
Bene iyo politiki niyo ikurikiranye bene wacu Tanzaniya iri kwirukana ku butaka bwayo.

"Ngo utazize inarashatse azira inarabyaye": Perezida w'u Rwanda n'ibyegera bye bakoze ku Banyarwanda bo hakurya hariya muri Tanzaniya. Politiki ya FPR yo gucyura abantu ku ruhembe rw'umuheto ituma za Leta zimwe zihutira gucyura uwitwa Umunyarwanda wese.
"Imbuto y'umugisha yera ku giti cy'umuruho": Abanyarwanda bamwe bakomeje kurenganywa bimwa uburenganzira bwo kwibuka ababo. Niduhagurukana ibakwe tuzabona igisubizo rusange nta kabuza. Ariko rero, nidukomeza gukangwa n'igitugu ntitwubahuke ubutegetsi bubi, FPR izaguma ku butegetsi mu Rwanda.

Ikibazo cy'u Rwanda Leta ya FPR yanga kwemera ko ari icya politiki ibizi kandi ibishaka, kizashyira kigaragare ko gikeneye umuti wa politiki. Guhatira ubutegetsi buriho kwemera ibiganiro bya politiki, ni inshingano kuri buri wese. Ni ngombwa rero ko ikibazo tukigira icyacu, aho gutegereza ngo hari abandi bazaza kubohoza u Rwanda.

IMIGABO N'IMIGAMBI BY'URUNANA

Demokarasi yumvikanweho ivugwa na RUD-Urunana ihishiye iki Abanyarwanda?

-F.Xavier Ntezirizaza-

Muri ibi bihe mu Rwanda havugwa inkubiri iganisha ku mahindura ya politiki, usanga benshi bibaza niba hari ingamba zidasanzwe zishyizwe imbere. Hagati aho hari abibaza niba iyo nkubiri igamije gusa gufata ubutegetsi, gufungura ziriya mfungwa zirengana, gusubiza abantu ibyabo bambuwe ku ngufu, kuvana ba Local Defence hejuru y'abaturage, kugabanya imisoro n'amahoro bikenesheje rubanda, gushyira mu myanya abayobozi bubaha abaturage, guca akarengane, kurwanya ruswa n'ubusahuzi bw'umutungo w'igihugu n'ibindi birango bibi by'ubutegetsi bwa FPR.

Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana) rufite ingamba za politiki zisubiza bimwe mu bibazo by'ingutu byakunze kuba imvano y'umutekano muke mu Rwanda no mu karere rurimo.

Muri izo ngamba, harimo imyumvire mishya ya ***demokarasi yumvikanweho (Concept de démocratie consensuelle.)*** Iyi ni ingamba ya politiki RUD-Urunana yemera ko yazafasha Abanyarwanda mu gukemura ikibazo cyaterwa n'ubusumbane bw'imibare y'abaturage mu moko atuye igihugu.
Dusanga demokasi yumvikanweho ariyo yatuma bene buriya busumbane bwatanga ikinyuranyo kirekire mu gihe cy'amatora, butaba imvano yo kwiharira ubutegetsi ku mu kandida wayatsinze.

Kwemera no kumva neza ibya demokarasi yumvikanweho, bisaba ko buri wese abanza gushingira imyumvire ye ku kuri no kwemera ko u Rwanda rutuwe n'Abatwa, Abatutsi n'Abahutu. Niyo mpamvu Urunana rusanga ko gushaka guca izi nyito gakondo umuco nyarwanda ushingiyeho, ari uburyarya ndetse bushyira uburyamirane bigambiriwe n'abari ku butegetsi i Kigali.

Demokarasi yumvikanweho mu Rwanda rwamaze kubohozwa, izaha buri wese amahirwe yo kugira uruhare mu nzego zose z'ubuyobozi ndetse n'izifatirwamo ibyemezo biyobora igihugu.
Mu gihe uwitsindiye amatora na bene wabo babundarara ku butegetsi nk'uko Jenerali Paul Kagame n'akazu ke bakora, nta Mutwa wazashobora kubona umwanya ajyamo ku buryo inyungu z'Abasangwabutaka tubona zititaweho, zazakomeza kunyongwa.
Ni ngombwa rero ko Abasangwabutaka nabo bagira ijwi ryo gukumira bimwe mu byemezo bya Leta bibabangamiye.
Abanyarwanda bo mu yandi moko nabo, bakwiye kubibona batyo mu rwego rwo guca uburyamirane muri politiki.

Urunana rwizeza Abanyarwanda ko imiyoborere y'igihugu cyabo muri demokarasi yumvikanweho yazabarinda kongera kugwa mu nzara z'umunyagitugu nk'uko byifashe muri iki gihe. Iyi ntego niyo shingiro ry'urugamba buri wese akanguriwe kugira mo uruhare.
Imiyoborere y'igihugu ishingiye kuri iyi myumvire mishya, ni yo yazatandukanya ubuyobozi bw'ishyaka riri ku butegetsi n'ubwa Leta bisigaye bigoye gutandukanywa mu Rwanda ku ngoma ya FPR-Inkotanyi.

Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana) rugaya kandi rwamagana uburyo FPR-Inkotanyi nk'ishyaka, yihaye ububasha bwo gusesa andi mashyaka no kuburizamo ivuka ry'ayandi nk'uko byagendekeye MDR na PDR-Ubuyanja. Imiyoborere mishya rero muri demokarasi yumvikanweho, izagomba guca burundu bene buriya bwemarare muri politiki y'igihugu.

Buriya buryo bushya bwo gukemura ikibazo cy'ubusumbane muri politiki RUD-Urunana yigisha Abanyarwanda, ntabwo bwemera ubuhangange no kurata intsinzi gusa nk'uko FPR ibigenza. Ahubwo bwimakaza politiki iha agaciro ibiganiro ku mikemurire y'ibibazo byugarije igihugu.
Ibibazo bihabwa ibisubizo byumvikanweho, haharanirwa amahoro kandi hashyigikirwa uruhando rw'amashyaka anyuranye mu bwisanzure, himirizwa imbere ubwiyunge nyakuri, havanwa igisirikare mu baturage no mu mirimo ya gisivili.

Imiyoborere ishingiye kuri demokarasi yumvikanweho ifite byinshi izakosora nyuma y'uko ubutegetsi bubi bwa FPR-Inkotanyi buzaba bumaze guseswa.
Dukomeje kugira ikibazo cy'ubwiyunge nyakuri mu Rwanda. Hadafashwe ingamba zikwiye, cyazatubana ikigugu kugeza ubwo ubushyamirane hagati y'amoko bwavumbukamo akandi kaga.
RUD-Urunana isanga igomba kubuza Leta iriho guha icyuho bene ako kaga.
Iyo gahunda irihutirwa kuko Leta ya FPR yo ikeneye kwitwaza imidugararo kugira ngo ikomeze politiki yo kwikiza abatavuga rumwe nayo.

Ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi yumvikanweho nibwo bwatanga ikizere cyo kuba mu Rwanda no kudakumirwa mu mirimo imwe n'imwe abayobora igihugu bakunze kugira umwihariko.
Kubera ubwisanzure bwaboneka mu ruhando rw'amashyaka menshi no kuvuga rumwe ku bibazo bikomereye igihugu, amahanga yazashishikarira gufasha u Rwanda arutera inkunga yo gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage ntakuvangura.

AMAKURU YA POLITIKI

Abahoze ari abakuru b'ibihugu by'Afrika nibavuganire abarengana mu Rwanda

-Christite Muhereza-

Hashize igihe kirekire Abanyarwanda bibaza urwego rwaboneka rwaba rugizwe n'inararibonye zagira uruhare mu gukemura ibibazo by'u Rwanda. Bene izo nararibonye, benshi basanga zava muri bariya bahoze bayobora ibihugu by'Afrika bakarekura ku bushake bwabo cyangwa binyuze mu nzira za demokarasi.

Ubundi ariko ntabwo byari bisanzwe muri Afrika ko haboneka abasaza bahoze ari abakuru b'ibihugu, kubera ko mu myaka 20 ishize bavanwagaho na za kudeta ***(Coup d'Etat)*** cyangwa se bagatanga bakiyobora.
Uwakurwagaho n'ingufu za gisirikare, yaricwaga cyangwa agahungira mu bindi bihugu; aho yirindaga kugaragara mu bibazo bya politiki y'iwabo, kugira ngo inshuti imucumbikiye itava aho yikomwa n'ubutegetsi bushya nk'uko byifashe ubu ku bahoze mu nzego z'ubuyobozi mu Rwanda mbere ya 94.

Iyo ushubije amaso inyuma, usanga kwegura n'ihererekanya bubasha hagati y'abakuru b'ibihugu muri Afrika byaratangiranye na Mwalimu Julius Kambarage Nyerere muwi 1985, ubwo yarekuraga ingoma muri Tanzaniya. Icyo gihe hatangijwe politiki y'amashyaka menshi. Kuva ubwo, mu gihugu cya Tanzaniya zimaze guhindura imirishyo ubugira gatatu binyuze mu nzira ya demokarasi.

Abahoze bayobora Tanzaniya ***Ali Hassan Mwinyi*** na ***Benjamin Mkapa,*** bari mu bahoze ari aba Perezida 10 muri Afrika baherutse guhurira mu biganiro-mpaka byabereye muri Kaminuza ya Wits ho muri Afrika y'epfo muri Mata 2006.
Abandi basaza bari bahari twavuga nka ***Kenneth Kaunda wa Zambia, Jerry Rawlings wa Ghana, Sir Ketumile Masire wa Botswana, Daniel Arap Moi wa Kenya, Petero Buyoya w'u Burundi, Nic Phore Soglo wa Benin, Karl Auguste Offman wo mu birwa bya Maurice, Aristides Maria Pereira wa Cape Verde.***

Iriya nama yateguwe n'ikigo gishinzwe ubushakashatsi ku makuru y'aba Perezida b'Afrika cyo muri kaminuza ya Boston muri Leta zunze ubumwe z'Amerika.
Nyamara ariko iyo nama ntabwo yabaye musanganya kuko hari abatarayibonetsemo nka Pasteur Bizimungu wa hano mu Rwanda uri ku mugozi yaziritswe na Paul Kagame udakozwa gushyira mu gaciro mu miyoborere ye.
Igitangaza ariko, ni uko ziriya nararibonye zitigeze zimuzirikana maze ngo zihereho zisabe amahanga kotsa igitutu Leta ya FPR ayisaba kumurekura no korohereza Abanyarwanda mu gukora politiki mu bwisanzure. Ibi ntabwo byaba ari ubwa mbere bibaye muri Afrika kuko na Frederick Chiluba wayoboye Zambiya yigeze gushyira mu kagozi umusaza Kenneth Kaunda yari amaze gusimbura. Nyuma Chiluba yaje kumurekura shishitabona yokejwe igitutu na mugenzi we Julius Nyerere wa Tanzaniya n'abandi.

Nk'uko byari kuri gahunda, iriya nama yari igamije gusuzuma no guteza imbere imiyoborere myiza ishingiye kuri demokarasi muri Afrika.
Abari mu nama basuzumye impamvu umubare w'Abanyafurika baba hanze (diaspora) ugenda wiyongera n'uburyo ubumenyi bafite bwakoreshwa mu iterambere ry'ibihugu bakomokamo.
Kiriya kibazo cy'abenegihugu benshi bari mu mahanga kandi bakeneye gutaha iwabo, sitwe tutagifite mu Rwanda. Kuva muri 94, umubare utagira ingano w'Abanyarwanda unyanyagiye hirya no hino ku isi. Abo bose bahageze bahunga ihohoterwa n'itotezwa rikorerwa buri wese ufite ibitekerezo bishyigikira demokarasi nyakuri.

Abanyarwanda baba mu migi ya Pretoria, Johanesbourg na Cape Town, ubasangana imvugo imwe mu gukemanga ziriya nararibonye. Mu byukuri bose basanga bariya bahoze ari abayobozi b'ibihugu by'Afrika basa n'abirengagije ko mu bihugu bimwe nk'u Rwanda, hakenewe impinduka igaragara muri politiki mbere yo gutahuka kw'abari hanze. Bariya Banyarwanda kandi bahamya rwose ko iterambere ry'u Rwanda ryashubijwe inyuma na FPR. Bibuka ko bari mu bagize uruhare muri iryo terambere,

bityo bakaba biteguye no kugira uruhare mu gusana ibyangijwe uburyo bwo gutaha mu cyubahiro bwumvikanweho.
Naho ubundi igihe abitwa inararibonye badashingira ku kuri n'imvano y'ibibazo ibihugu nk'u Rwanda bifite, kugerageza kubikemura bikoranwa amarangamutima.

Bamaganye itangazamakuru mpuzamahanga!
Abahoze ari aba Perezida b'Afrika bati: ***"Itangazamakuru mpuzamahanga riha Afrika isura itari iyayo mu Buraya no muri za Amerika."*** Buriya buryo bwo kubona ibintu bwatumye abari mu nama bafata ingamba zo gushakira Afurika ibinyamakuru byo kuyisura no kuyivuga neza. Nyamara ariko uruhare rw'itangazamakuru ntabwo ari ukwagaza ubutegetsi, si ukuvuga ibigwi bidahari ndetse ntabwo ari ukuvuganira umunyagitugu nk'uko bikorwa n'itangazamakuru rya Leta mu Rwanda. Ahubwo burya itangazamakuru rigirira rubanda akamaro, ni irikabukira bene biriya byigomeke nk'ibiyobora u Rwanda; ni iriherekeza abaturage mu nkubiri yo kwibohoza.
Birumvikana rero ko umuntu atabara inkuru nziza yo mu bikorwa bya politiki kandi bidahari.

Umunyamakuru uzi icyo akora, yihatira gutangaza inkuru zijya mu kerekezo cyo guca intege ubutegetsi bw'igitugu, kurwanya ubukene, kuburizamo intambara z'urudaca no kuzihagarika aho zabaye, kurwanya indwara z'ibyorezo no kwamagana ruswa mu nzego z'ubutegetsi.
Ntabwo rero itangazamakuru ritegerejweho guhatira abaturage gutega amatwi umunyagitugu ubahohotera.

Hari ubwo umuntu yakwibaza niba abari mu nama harimo abifuza ko abanyamakuru b'Ijwi ry'Umucunguzi bakwambara indorerwamo z'indabyo ngo bakunde babone ibyiza barenze amaso amarorerwa ari mu guhugu.
Ninde utabona uburyo uburenganzira bw'ikiremwamuntu buhohoterwa mu Rwanda? Ni kangahe buri kwezi mu Rwanda havugwa inyerezwa ry'inzirakarengane? Ni muntu ki wahakana ubujura buri mu nzego zose z'ubuyobozi, isenywa ry'ubukungu bw'igihugu, ubujura bw'amajwi mu matora n'ibindi? Ngibyo ibizakomeza kwamaganwa mu Rwanda kugeza bicitse burundu.

Ubonye ngo igihugu cyacu kibure intumwa muri ririya koraniro? Abakora politiki baramenye bazarute Kagame nibura ubutaha we azahure n'abandi igihe azaba amaze gusimbuzwa n'ibiganiro bya politiki (Dialogue inter-Rwandais).
Icyo gihe yazaba ahawe imbabazi nyuma yo kwemera ibyaha by'itsembabwoko, ibyaha by'intambara n'ibyaha ndengakamere bibangamira ikiremwamuntu mu Rwanda no muri Kongo.

AMAKURU ANYURANYE

Ngo TPIR ishobora kongererwa igihe?

-Christite Muhereza-

Urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rukorera Arusha muri Tanzaniya rukomeje imirimo yarwo mu gihe benshi bagaya ubutabera buruvugwamo.
Twibukiranye ko ruriya rukiko rwashyizweho n'icyemezo N° 955/1994 cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe amahoro ku isi kuwa 8 Ugushyingo 1994.
Inshingano zahawe ruriya rukiko, harimo gucira imanza abaregwa kuba baragize uruhare mu bwicanyi bwabaye mu Rwanda muw'1994; ubwicanyi Loni yahaye inyito y'itsembabwoko.

Mu rugendo amazemo iminsi mu Rwanda, umuvuguzi wa TPIR Bwana Tim yatangaje ko urukiko akorera rwaba rwongerewe igihe ho indi myaka ibiri, bityo rukazarangiza imirimo yarwo muw'2010, aho kuba mu mwaka w'2008 nk'uko byari bisanzwe bizwi.
Ruriya rukiko rwaguye mu mutego wa politiki ya Mpatsibihugu, niyo mpamvu imikorere yarwo irangwa no kwivuguruza mu byemezo rufata. Kurwongerera igihe rero byaba ari igitekerezo cyiza, igihe byarufasha gukurikirana « ***inkoramaraso*** » zo muri FPR-Inkotanyi kugeza ubu zikidegembya.

Imikorere ya TPIR yagawe kandi inagumya kunengwa n'abantu benshi barimo n'intumwa ya rubanda (Congressiste) Cynthia w'Umunyamerika watangaje ko

imikorere ya ruriya rukiko ari urukozasoni mpuzamahanga.
Uyu mutegarugori ntabwo yumva impamvu kugeza ubu TPIR ikurikirana gusa Abahutu bari ku butegetsi mbere ya 94. Kimwe n'abandi, Congressiste Cynthia nawe avuga ko Jenerali Kagame n'Ingabo ze bahanuye indege yarimo abakuru b'ibihugu babiri bagapfa, bishe Abanyarwanda bo mu moko yose n'Abakongomani. Cynthia asanga Perezida w'u Rwanda n'ibyegera bye bakomeje kwiha ubudahangarwa mpuzamahanga, bityo TPIR ikaba yagombye kubakurikirana.

Ikibazo dufite mu Rwanda kiri kugenda cyumvikana ku buryo benshi mu Banyamerika batishimiye kubona aba Ofisiye ba FPR nka Kagame baragiye iwabo guhaha ubwenge bwo gukora ibara mu Rwanda no mu karere k'ibiyaga bigari.
Ibi rero bikwiye kongerera umurego n'ubutwari abaharanira ukuri na demokarasi mu gihugu cyacu.

Kongerera TPIR igihe, byagombye kujyana no gusaba Perezida Kagame kureka urukiko rugakora ipererereza ku bantu bose bakingiwe ikibaba n'ubutegetsi yashyizeho i Kigali.

Ikibazo cy'ubwiyunge bwo shingiro ry'amahoro mu Rwanda, ntabwo gishobora kubonerwa umuti mu gihe TPIR yakomeza kwibasira gusa abarwanyaga ko umutwe wa FPR ufata ubutegetsi akageni wabigenje.
Ntabwo byazakomeza kwemerwa rero ko abagize ibyago byo gutsindwa no kwamburwa ubutegetsi bazize akagambane, bakomeza no guhabwa ibihano bya nkana bafungirwa agatsi, abandi bashyirwa ku malisiti babahimbira ibyaha by'ubwicanyi bazira ubwoko n'imirimo bakoze ndetse n'imitungo yabo.
Igihe cyari kigeze rwose ngo abo bose badashyigikiye ubutegetsi nkoramaraso bwa FPR bahuze ingamba zo guhangana n'ingomambi bifuriza gusimburwa binyuze mu nzira z'amahoro.

Niba koko urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rwongerewe igihe, ntabwo bikwiye ko ubutegetsi bw'i Kigali bukomeza kurwigarurira. Nibyo koko TPIR zamaze kumuha gasopo ko azibonera niyanga gukora ibyo bamubwiraga.

usanga Kigali itoranya abo gufunga, ihitamo abo kurukoramo ndetse inatoranya abo kurwirukana mo uboshye rugendera ku murongo wa politiki y'u Rwanda. Umuryango w'Abibumbye ujya gushyira ikicaro cya TPIR Arusha ho muri Tanzaniya, kimwe mu byo wari ugamije cyari ukugeza ku Banyarwanda ubutabera butivanzwemo n'ubutegetsi bushya. Ubutegetsi bwari buvumbutse mu mirwano bufite amarere yo kurimbura utaremeraga intambara bwashoje ikamena amaraso.

Kuba Umuryango w'abibumbye ufashe icyemezo cyo kongerera igihe TPIR, twizere ko cya cyemezo cyo gucyura zimwe mu mfungwa zikaza kuburanishirizwa hano mu Rwanda cyahagarikwa imanza zikarangirira Arusha. Naho ubundi ntabwo byumvikana ko mu gihe umuntu nka Bagaragaza kubera ko yemeye gukorana n'umushinjacyaha yahembwa koherezwa muri Norvège, noneho ngo abafite ukuri ku byabaye mu Rwanda ariko kunyuranye nibyo bamwe m'urukiko bashaka bo ngo bazanwe gucibwa urubanza n'ubarega.

Guhindura imikorere ya ruriya rukiko duteze ku Banyamahanga, bizava ahanini kuri twe Abanyarwanda.
Niyo mpamvu dushyigikiye bikomeye umutangabuhamya w'ubushinjacyaha wiswe **« T »** kubera impamvu z'umutekano, mu rubanza rw'abanyepolitiki batatu bahoze mu buyobozi bwa MRND.

Uriya Munyarwanda watangiye ubuhamya bwe mu gihugu kitaramenyekana hakoreshejwe ibyuma by'itumanaho kabuhariwe, yatunguye Umushinjacyaha mukuru yamagana imvugo ko itsembabwoko ryateguwe mu Rwanda.
Uriya mutangabuhamya ni uwo gushimira kubera ubutwari yeretse amahanga yanga kurya ruswa hejuru y'amaraso y'Abanyarwanda akomeje kumeneka.
TPIR noneho ngo yaba yadukanye imikorere yo kwicisha abatangabuhamya banze kurya ruswa ngo bagambanire inzirakarengane. Ibyo biravugwa hirya no hino mu rupfu rwa Yuvenali Uwingiyimana mu gihugu cy'u Bubiligi. Intandaro yabyo ngo ni uko uwo mugabo yishwe intumwa za Prokireri wa

URUBUGA RW'ABASOMYI

Jenerali Kagame yahuye n'uruva gusenya muri Canada!

Umusomyi w'Ijwi ry'Umucunguzi
Montréal/Canada

*« **I**funi ibagara ubucuti ko yahoze ari akarenge, none Perezida w'u Rwanda akaba asigaye atarabuka gato bakamutera amagi yaboze, iriya ngoma irabandwa izahe.... ? »*

Mu kwezi gushize, Perezida Paul Kagame yafashe akabando yerekeza ino mu gihugu cya Canada aho yari yatumiwe kwambikwa umudende ngo w'amahoro yazanye mu Rwanda! Urugendo rw'uriya muyobozi rwahawe induru kuva rutegurwa, kugeza ageze ino ndetse na nyuma yaho.

Uruzinduko rwa Perezida Kagame muri Canada rwongeye kwereka amahanga muri rusange, n'abashyigikiye ko igitugu kiguma ku ntebe mu Rwanda ko abaturage bo mu bihugu u Burundi, Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo n'u Rwanda badacogora kwamagana umwicanyi.
Inzandiko zamagana urugendo rwe muri Canada zanditwe zigashyirwaho umukono, amagambo amushinja ubwicanyi yavugiwe kuri za Radiyo zo muri iki gihugu, amagi yaboze yakubiswe Perezida Kagame, amagambo y'amashirakinyoma yabwiwe i Montréal bikwiye kumufungura amaso, akabona ko ingufu zimurwanya zitari mu Rwanda gusa, ko ahubwo ziri hose.

Isi yose yakurikiranye ibya ruriya rugendo ariko by'umwihariko, twasanze byaba byiza tugejeje ku bandi basomyi b'Ijwi ry'Umucunguzi amwe mu makuru kuri rwo:
Twabonye Perezida Kagame asesekaye i Montréal aho yagombaga kubwira abanyemari ijambo ryerekeranye n'uburezi. Hari abantu bagera kuri 200 bari baje kumwamagana. Iki gikundi cyari kigizwe ahanini n'Abakongomani, Abanyarwanda, n'Abarundi. Abandi bantu bagera kuri 20 bari baje kumwogeza. Buri gipande cyari cyazanye ingoma n'ibikoresho byinshi byo kwamagana cyangwa kogeza uriya mugabo. Ku bantu bibuka ibyigeze kubera i Moncton, bijya kumera nka byo uretseko ko ibi byo byari birushijeho kugira umurindi cyane.

Hariya hantu Jenerali Kagame yaboneye abanzi n'abakunzi, hari abanyamakuru ba za Radiyo na Televiziyo ndetse n'abo mu itangazamakuru ryandika (presse écrite) benshi cyane.
Ubwo uwo mugabo yahageraga, yasanze abantu "baje kumwakira" maze bamutera urwamo bati ***" Hitler; assassin, criminel"*** mbese amazina menshi afite icyo yibutsa mu bwicanyi n'ihohoterwa byigeze kuba kuri iy'isi. Ibyo byose byajyanaga n'umurishyo w'ingoma zivuga ibintu bicicikana.

Imodoka yari imuzanye hari abantu bayiteye amagi yaboze maze abari bamuherekeje bakajya baza kuyihanagura.
Abantu barakomeje barasakuza imbere y'aho ibyo birori byaberaga. Kubera ko abateraga amagi Jenerali Kagame bari barushije kure umurindi inkomamashyi z'Inkotanyi zari zaje kumuvana mu isoni, byabaye ngombwa ko bamunyuza mu cyanzu banga ko anyura imbere muri izo nduru zamwamaganaga.

Perezida Kagame bamwinjije mu cyumba cyari cyateguwe yububa induru ari zose.
Ariko nyamara abandi bari babimenye bajya kumutegera inyuma maze asohotse induru irongera iba yose. Ubwo koruteje (cortège) igiye, ngurwo urwamo, ngayo amagi, ngiyo induru; mbese ntawamenya niba azongera kugaruka ino uretse ko atagira isoni.

Nyuma y'uko Kagame asosorotse muri iyo nduru, abantu bakomeje gusobanurira abanyamakuru ububi bwe, haba ku ma Radio na za Televiziyo byari aho.
Ubwo yamaganwaga, abategetsi bose ba Canada nabo bari bamaze gutangaza ko batabonana nawe ku mugaragaro kubera ko ngo yari "visite privée".
Dore ko nta murozi wabuze umukarabya, kaminuza ya Sherbrooke yo yari yamuteganyirije umudende. Ubwo naho ariko, hari hateguwe indi myigaragambyo yajemo abantu benshi bamagana ukuntu kaminuza nk'iriya yahemba umwicanyi.

Muri make rero nguko uko byagendekeye Afandi PC. Imana nimuhe umutimanama maze awumvire!!!!

Kunyereza Umutungo wa Leta byateye indi ntera hano iwacu!

-Salim Mutoni-
Umusomyi w'Ijwi ry'Umucunguzi
Nyamirambo
Umujyi wa Kigali

Mu minsi ishize mwigenze kumva ko guverinoma ya Afande mukuru Pahulo Kagame yafashe icyemezo, cyo kuvanaho imodoka za Leta zose zikagurishwa, noneho abakozi bayo bakagurizwa bakigurira izabo.

Iyo usesenguye neza usanga mu by'ukuri ntabwo byari ukubaguriza, kwari ukuzibahera ubuntu. Nawe se umutegetsi uwo ariwe wese, kugera ku rwego rw'Umuyobozi Mukuru, bamuteganyirije iyo modoka. Uwahawe iyo hasi bamugeneye imodoka ifite agaciro ka miliyoni 10, noneho Leta ikamwishyurira kimwe cya kabili, ni ukuvuga miliyoni 5 ; we akaba ngo agomba kwiyishyurira asigaye. Byari ukurimanganya abantu rero kuko mubyo ukuri, n'ayo asigaye azishyurwaga na Leta. Muti bite ? Koko rero, uwo wahawe imodoka yitwa ko ariyo nto muri zo, yagenewe buri kwezi amafaranga hafi 300.000 ngo yo kugura essence. Imodoka rero ikora akazi ko kuvana umuntu mu rugo imujyana ku kazi gusa, mu mugi, ntishobora kurenza essence ya 50.000 Frw ku kwezi., ni ukuvuga ko ariya 250.000 Frw asigaye yabaga ari ikirenga, akaba ariyo akoreshwa mukwishyura iriya ngirwa mwenda. Birumvikana rero ko ureste no kwishyura, bariya ba nyiruguhirwa hari n'andi mafaranga basaguraga bakayashyira ku ruhande.

Iyo urebye usanga ririya gurizwa ryari uburyo bwo kugabira ibyo bikomerezwa mu mayeri rubanda rwa giseseka batabirabutswe. Iyo uzirikanye rero ko n'ubusanzwe abo ba Nyakubahwa basanzwe bahembwa ibya mirenge mu gihugu umukozi usanzwe ahabwa intica ntikize, wumva nyine ko ubutegetsi bw'ubu ntaho butaniye n'ubwo mu gihe cya gihake na gikolonize.

Ubu rero imodoka za Leta zose zamaze kugurishwa ku mafaranga atampaye agaciro, none ikibazo kiravutse. Bari baremeje ko Leta izajya ikodesha imodoka ikeneye zose, nabyo babishyiramo amayeri ngo hagomba gukodeshwa izo abantu bamwe gusa ngo zatsindiye isoko. Abo bantu ngira ngo buri wese yakwiyumvisha abo aribo, ni abo mu kazu k'Icyama.

None dore bitaranatera kabiri, hatangiye kugaragara ko iyo mikorere ihombya Leta cyane kandi igatuma akazi kazamba. Batangiye gutekereza uko imodoka za Leta zasubizwaho. Muri Ministeri y'Ingabo z'Igihugu ho rwose ngo icyo cyemezo kirasa n'icyamaze gufatwa niba kitarafatwa : Leta igiye kongera kugura izindi modoka nyuma yo kugurisha izo yari isanganywe kandi inyinshi muri zo zari zikiri nshya!!!

Utabizi rero yakwibeshya ngo ibyo ni imikorere mibi isanzwe y'abakozi bamwe ba Leta. Sibyo, ahubwo ni gahunda iba yateguwe neza, igamije kwihera abo mu kazu bari mu butegetsi bwite bwa Leta izo za avantages, mu rwego rwo kubafasha gukira batavunitse dore ko ariyo ntego ya benshi muri bo. Politiki ishingiye ku kinyoma, ku buriganya, ku busambo no gusahuranwa, ku guhuma rubanda n'amahanga amaso, ikomeje guhabwa intebe mu Rwanda rwa Kagame na FPR ye.

Ikibabaje ni ukubona amahanga akomeje guha inkunga, imfashanyo n'intwererano ubwo butegetsi butazuyaza mukuyirigisa no kuyisaranganya hagati y'ababugize mu gihe rubanda yirirwa yicira isazi ku jisho.

Ubuse koko rubanda rwo hasi tuzaba abande?

-Tadeyo Manzi-
Umusomyi w'Ijwi ry'Umucunguzi
Kacyiru
Umujyi wa Kigali

Bavandimwe bacu, basomyi b'Umucunguzi,

Ngira ngo muzi ko kuva uyu mwaka watangira nta rukiko na rwakoraga mu Rwanda bitewe kubera ririya vugururwa ry'ubutegetsi rya huti huti ryagabanyije Uturere tukava kuri 106 tukajya kuri 30 ; naho Intara zikava kuri 12 zigazigara ari 4 gusa n'Umujyi wa Kigali. Ibi rero byatumye Inkiko zisigara mu gihirahiro kubera ko imipaka yazo ntaho yarigihuriye n'ibih bishya. Ibi byatumye umwirondoro w'abaregwa cyangwa abarega usanga utagishoboka, kandi n'ububasha bw'inkiko ukurikije aho zigomba gukorera ugasanga bwajemo akajagari.

Inkiko rero ubu zashyiriweho indi mipaka mishya ; ku buryo zatangiye gukora muri iyi minsi. Ikibazo ni uko, bimwe babeshya ngo bagamije kwegereza ubuyobozi abaturage ntaho bishingiye iyo urebye ibyemezo byafashwe. Koko rero, mbere y'iri vugururwa mu Rwanda hari hasanzweho inkiko za Kanto zirenga 100. Buri Karere kabaga gafite urukiko rwako rwa Kanto. Ubu rero bararebye, ari nabyo byatumye ubutabera buba buhagaze kuva mu kwezi kwa mbere kw'uyu mwaka kugeza ubu, basanga bidashoboka ko inkiko za Kanto zingana n'umubare w'Uturere 30 dushya, kuko dukabije kuba kure cyane y'abaturage. Nanone kandi basanga bidashoboka ko buri Murenge uhabwa Urukiko rwa Kanto rwawo, dore ko icyo gihe zari kuba hafi magana atanu, bigasaba abacamanza benshi n'ubushobozi bwinshi igihugu kidafite.

Bafashe umwanzuro w'uko hashyirwaho inkiko za canton 60 gusa, ni ukuvuga ko ugereranyije muri buri Karere hazaba harimo inkiko 2 gusa, mu gihe tuzi ko Akarere gashya kahuje Uturere twari dusanzweho nibura 4. Ni ukuvuga rero ko Urukiko rwa Kanto rushya ruzajya rukorera abantu bikubye nibura inshuro 2 abari basanzwe baruburaniraho, mu gihe bizwi ko Inteko izaba igizwe n'umucamanza umwe gusa usimbura 3 bari basanzwe. Nanone birashaka kuvuga ko umuturage azajya agomba gukora urugendo rwikubye nibura 2 kugira ngo agere ku rukiko rwa Kanto. Nguko uko mu Rwanda ubuyobozi bwegerezwa abaturage !!

Si n'ibyo gusa ariko. Hashyizweho urwego rushya rw'ubucamanza rw'abitwa ***Abunzi***. Aba ni abacamanza b'abaturage bakora badahembwa, nyamara nibo bahawe kuburanisha imanza hafi ya zose zijyanye n'ibibazo abaturage bahura nabyo buri munsi. Koko rero, itegeko ryatowe rigenga izo nkiko z'abunzi, riteganya ko ibibazo byose, cyangwa ibirego byose bifite agaciro katarenze amafaranga miliyoni 3, bizajya biburanishwa n'abunzi ntibishobore kwakirwa mu nkiko zisanzwe, yemwe ntibinashyikirizwe abapolisi kabone n'iyo byaba ari ibyo inshinjabyaha (pénal). Ibi birashaka kuvuga ko nta muturage uzongera kuregera urukiko rutari urwo abunzi, kubera ko mubyo ukuri mu Rwanda nta muturage usanzwe ufite umutungo ugeze kuri miliyoni 3. Abo bita abunzi rero ni abaturage rwimbi, barimo n'abatazi gusoma no kwandika. Abo nibo bagiye kujya bakemura impaka zirebana n'ibintu (yangwa se urugomo) ibyo aribyo byose bidafite agaciro karengeje miliyoni 3. Aho biganisha rero ni ku karengane, ruswa, munyangire, n'ibindi byose biranga ubutabera bubera.

Ibyo byose kandi birakorwa mu gihe hamaze gushyirwaho itegeko rishya risaba buri muturarwanda gukora umuganda ngo wo kubaka u Rwanda. Umuganda rero ni itegeko kuri buri munyarwanda, akaba asabwa kureka akazi asanzwe akora akitabira icyo gikorwa buri kwezi.

Iyo utekereje ko mu gihe cy'intambara FPR yavugaga ko umuganda ari uburetwa, noneho wareba ibikorwa ubu ugasanga birenze ubwo buretwa kandi ntawe ushobora kugira icyo abivugaho, usanga biteye agahinda. Ikibabaje kurushaho ni uko nta n'ibikorwa bifatika biba byateguwe. Fata rero abakozi ba Leta, cyangwa se abacuruzi, fata muganga cyangwa mwarimu, umubuze gukora akazi asangwanywe gafitiye igihugu akamaro kagaraga, maze umubuze kugakora ahubwo umwohereze kwirirwa yiganirira ntacyo akora ngo ari mu muganda.

Iyo bavuga agaciro k'ibikorwa byagezweho mu muganda, bafata umubare w'abawitabiriye, bagakuba n'umubyizi w'umuhinzi, bati hinjiye aya n'aya abarwa muri za miliyoni. Nyamara se byahe byo kajya. Abantu baragenda bakirirwa biganirira, nta kintu na kimwe bakora, ku buryo umubyizi w'abanyamuganda barenga ibihumbi 10 usanga agaciro kawo katanagera ku bihumbi icumi. Gufata umuganga wavuraga abantu nka 20 ku munsi, ukamwiriza yicaye ntacyo akora ngo ari mu muganda, ntube wanakwemera nibura ko atanga amafaranga ahemba umusimbura ariko nibura akore ako kazi asanganywe gafitiye igihugu akamaro, nyuma ukabeshya ngo uraharanira inyungu z'igihugu !!! Erega turi abo kuramirwa naho ubundi katubayeho.

Nyarutarama: paradizo muli Kigali!

-Ben Ntwari-
Umusomyi w'Ijwi ry'Umucunguzi
Butare
Intara y'Ama jyepfo

Bavandimwe,

Mperutse muli Kigali ariko ibyo nabonye byanteye kwibaza byinshi. Nanyarukiye i Nyarutarama, ngira Imana mpava batashyize mu kagozi. Aho i Nyarutarama higanje abakire

bashya bironda bavuye muri Uganda gusa, dore ko abandi bashoboye kubinjiramo ari abo bafatanyije ibikorwa bibyara inyungu. Ubuse wahatembera da? Iyo ugerageje ni ukugenda ukebaguza nkaho uri igisambo; iyo ugize Imana ntibaguhagarike ngo bakubaze iyo ugana! Mbese wagira ngo ntabwo ali mu gihugu cyawe kandi twitwa ko turi abanyarwanda. Ariko nari nibagiwe ko mu kazu ka Pahulo Kagame hari abanyarwanda hakaba n'Abanyarwanda!

Mu gihe mu cyaro i wacu cyangwa muri za Kinigi numva abaturage batakibona n'aho bikinga imvura kubera ko bashyizwe ku ngufu mu midugudu aho baba muri burende (blindés) amazu yabo agasenywa ku ngufu, i Kigali ho abakire barubaka amazu yo guturamo aruta n'ayo tubona mu bishushanyo byo mu bihugu byateye imbere nk'ibyo mu Burayi, Amerika na Aziya.

Nyarutarama ubu niyo igezweho! Nyarutarama, ubu yabaye paradizo y'ibikomerezwa by'ingoma y'ubu. Nyamara batangiye gusubiza amerwe mw'isaho kubera ko bayubatse ngo biringiye ko azakodeshwa n'abakozi mpuzamahanga nk'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, none abenshi barabatsembeye banga kuva mu Kiyovu cya kindi cya kera, kubera ko ariho hegereye abaturage. Amazu y'i Nyarutarama kuri ubu usanga ari nk'ayo umurato; ugasanga nk'inzu ifite ibyumba nka 30 ituwemo na nyirayo ufite umuryango utarengeje abantu batanu!!

Ngibyo ibyo twungutse ngo turatera imbere aho abantu batangira ingano barimo bicwa n'inzara Leta ikanga no kubakira imfashanyo mu mahanga!!! Ahari wenda ayo mazu ibyo bikomerezwa byujuje azatumara inzara imaze kuba akarande!!!